بسم الله الرحمن الرحيم

Kuzungura

IBIREBANA N'IZUNGURA

Ibikubiyemo:

- Abo imigabane yabo yagenwe.
- Abo imigabane yabo itagenwe.
- Gukumirwa mu izungura.
- Uburyo bwo kuzungura.
- Kugabanya umutungo wasizwe.
- Izungura ry'abahafi mu muryango.
- Uburyo bw'izungura ry'uwo batwite.
- Uburyo bw'izungura ry'ikinyabibiri.
- Izungura ry'uwaburiwe irengero.
- Izungura ry'uwarohamye,uwagwiriwe n'inzu n'ibindi.
- Izungura ry'uwishe uwo yagombaga kuzungura.
- Izungura hagati y'abadahuje idini.
- Izungura ry'igitsina gore.

AKAMARO K'UBUMENYI BW'IZUNGURA

Ubumenyi bw'izungura ni ubumenyi buhambaye, bwubahitse kandi bufite agaciro ndetse n'ibihembo byinshi ku Mana. Kubera agaciro k'izungura, Allah ubwe niwe wagennye abazungura n'igeno rya buri wese anabisobanura kenshi mu mirongo ya Qor'an ntagatifu. Kuko imitungo n'igabanywa ryayo ari ibintu bitera irari n'amarangamutima mu bantu;kandi izungura akenshi riba hagati y'abagabo n'abagore, abakuru n'abato, abanyantege

n'abanyantegenke. Niyo mpamvu Allah yabigabanyije inabisobanura mu gitabo cyayo,inagenera buri wese igeno rimukwiye hakurikijwe ukuri,ubutabera n'inyungu zizwi na Allah. Ubusanzwe umuntu anyura mu bihe bibiri: igihe cy'ubuzima n'icy'urupfu.

Ubumenyi n'amategeko y'izingura menshi ashingira ku gihe cy'urupfu. Ubumenyi bw'izungura ni igice cy'ubumenyi bwose kandi buri wese arabukeneye. Mbere ya Islamu hazunguraga abakuru, n'igitsina gabo,abato n'igitsina gore ntibagire icyo bahabwa. Naho muri ibi bihe isi irimo, hagarutse andi mategeko anyuranyije na Islamu,kuko aha abantu ibyo badakwiye birenze ukuri kwabo,bikaba impamvu yo kwiyongera kw'ibibazo n'ingorane mu miryango. Naho ubuyislamu, bwashyize mu gaciro gakwiye buha buri wese ukuri kwe gukwiranye n'ibibazo bye.

UBUMENYI BW'IZUNGURA :

Ni ubumenyi butumenyesha uzungura n'utazungura, n'igeno rya buri wese uzungura. Icyo bwitaho : ni ibyasizwe n'uwapfuye byaba umutungo n'ibindi . Inyungu y'ubu bumenyi:

Ni uguha ukuri ba nyirako bagomba kuzungura. Igeno: Ni umugabane wagenywe n'idini uhabwa abazungura, nka kimwe cya gatatu (1/3),kimwe cya kane(¼) n'indi migabane.

IBIVANWA MU MUTUNGO USIZWE N'UWAPFUYE.

Iyo umuntu apfuye asize umutungo ukurwamo ibintu bitanu mu buryo bukurikira:

- Ibikenerwa mu gutunganya uwapfuye nko
- kumwambika,kumushyingura n'ibindi,
- Ukuri gufitanye isano n'uwo mutungo nk'ingwate n'ibindi.
- Imyenda muri rusange yaba iy'Imana, nko gutanga zakat, n'imyenda y'abantu.
- Imirage yarazwe na nyir'umutungo wapfuye.
- Iminani ihabwa abazungura.

INKINGI Z'IZUNGURA

Inkingi z'izungura ni eshatu :

- Uzungurwa: ari we wapfuye.
- Uzungura: ariwe muzungura uriho nyuma y'urupfu rw'uzungurwa.
- Ukuri kuzungurwa : Ni ibyasizwe n'uwapfuye.

IMPAMVU Z'IZUNGURA

Kugirango habeho kuzungura hagati y'uzungura n'uzungurwa,hagomba kuba hari imwe mu mpamvu eshatu zikurikira:

- Gushyingiranwa: Bisobanuye kuba barashakanye bishingiye ku masezerano yemewe n'idini,iyo umwe apfuye undi aba ari mu bibanze bazungura umutungo asize.
- Isano : Ni ubuvandimwe bushingiye ku nkomoko nk'ababyeyi, n'ababakomokaho,abavandimwe n'abandi.
- Uwagukuye mu bucakara: Ni isano rishingiye ku neza y'uwabohoye umucakara we akamukura mu bucakara,amuzungura iyo adafite undi wemerewe kumuzungura.

IBIBUZA UMUNTU KUZUNGURA

Ibibuza izungura, ni kimwe mu bintu bitatu bikurikira:

- Ubucakara : Umucakara ukiburimo ntazungura ntanazungurwa kuko we n'ibyo atunze ari umutungo wa Sebuja .
- Kwica : Uwishe uwo azungura ntabwo aba akimuzunguye,kuko hari igihe yamwica agamije kwibonera ibyo azungura, bityo yahanishijwe kutabihabwa.
- Ukunyurana ku idini: Umuyisilamu ntazungura umuhakanyi n'umuhakanyi ntazungura umuyisilamu. Usama mwene Zaidi (Allah abishimire bombi) yavuze ko Intumwa Muhamadi (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yavuze iti: " Umuyisilamu ntazungura umuhakanyi, n'umuhakanyi ntazungura umuyisilamu".

ICYITONDERWA:

IBICE BYO KUZUNGURA

Izungura rigizwe n'ibice bibiri ari byo:Imigabane igenerwa abazungura yagaragajwe muri Qor'ani ni itandatu, ari yo:Abazungura b'igitsina gabo muri rusange ni aba bakurikira:Ab'igitsina gabo batavuzwe muri aba,babarirwa gusa mu bo bafitanye isano nka ba nyirarume, n'abana ba se wabo bavukana na se kuri Nyina gusa n'abandi.

Abazungura b'igitsina gore ni aba bakurikira:

Abagore batavuzwe muri baba bo hejuru,baba ari abo mu mufitanye isano gusa, nka ba nyina wabo, n'abandi. Allah yaravuze ati: "Abana b'abahungu bafite igeno ku byasizwe n'ababyeyi bombi n'abandimwe babo,ndetse n'abana b'abakobwa bafite igeno ku byasizwe n'ababyeyi bombi n'abavandimwe babo, byaba bike cyangwa byinshi, iryo ni igeno ritegetswe.Qor'an 4: 7

- Umugore wahawe ubutane butari ubwa burundu, ashobora kuzungura umugabo we kimwe n'uko nawe yamuzungura, mu gihe uwo mugore akiri muri eda.
- Naho umugore uhawe ubutane bwa burundu, iyo umugabo abumuhaye ari muzima atarwaye icyo gihe hagize upfa undi ntabwo amuzungura,naho iyo arwaye uburwayi bukabije ariko umugabo ntashinjwe kumukumira ku izungura, nabwo nta kuzungurana kubaho, ariko iyo bigaragaye ko amwirukanye agamije kumubuza kuzungura, uwo mugore ahabwa uburenganzira akamuzungura mu rwego rwo kuburizamo umugambi mubi w'umugabo.
- Kuzungura hakurikijwe imigabane yagenwe muri Qor'ani, nka kimwe cya kabiri(½),kimwe cya kane(1/4) n'iyindi.
- Kuzungura hashingiwe ku bisagutse nyuma y'imigabane yagenwe na Qor'ani.

- Kimwe cya kabiri (½).
- Kimwe cya kane(1/4).
- Kimwe cya munani (1/8).
- Bibiri bya gatatu (2/3).
- Kimwe cya gatatu (1/3).
- Kimwe cya gatandatu (1/6).
- Naho kimwe cya gatatu cy'ibisigaye,cyo cyemejwe n'ubushishozi bw'abasangirangendo b'Intumwa Muhamadi (Allaha amuhe amahoro n'imigisha).
- Umwana w'umuhungu,umuhungu we,ugakomeza kumanuka ukagera ku buzukuruza, ubuvivi n'abandi b'igitsina gabo.
- Se w'uwapfuye,Sekuru, ugakomeza kuzamuka mu b'igitsina gabo.
- Umuvandimwe w'uwapfuye bavukana ku babyeyi bombi.
- Umuvandimwe w'uwapfuye bavukana kuri se gusa.
- Umuvandimwe w'uwapfuye bavukana kuri nyina gusa.
- Umuhungu ubyarwa n'umuvandimwe w'uwapfuye bava indimwe ku babyeyi bombi.
- Umuhungu ubyarwa n'umuvandimwe w'uwapfuye bava indimwe kuri se gusa,ugakomeza mu b'igitsina gabo.
- Umugabo w'umugore wapfuye.
- Se wabo w'uwapfuye uvukana na Se ku babyeyi bombi kuzamura mu b'igitsina gabo.
- Se wabo w'uwapfuye uvukana na Se kuri se gusa,kuzamura mu b'igitsina gabo.
- Umwana wa se wabo bavukana na Se ku babyeyi bombi,ukamanura mu b'igitsina gabo.
- Umwana wa se wabo bavukana na Se kuri Se gusa,ukamanura mu b'igitsina gabo.
- Uwabohoye umucakara aramuzungura,iyo atakiriho azungurwa n'abamukomokaho.
- Umukobwa w'uwapfuye.
- Umwuzukuru ukomoka ku mwana w'umuhungu ugakomeza ukamanura ku bakobwa bakomoka ku bahungu.
- Nyina w'uwapfuye.
- Nyirakuru w'uwapfuye ku ruhande rwa nyina niyo byazamuka k'urutonde rw'abagore.
- Nyirakuru ubyara se w'uwapfuye niyo byazamuka k'urutonde rw'abagore.
- Nyirakuruza ubyara sekuru
- Mushiki w'uwapfuye ku babyeyi bombi.

- Mushiki w'uwapfuye kuri se.
- Mushiki w'uwapfuye kuri Nyina.
- Umugore w'uwapfuye.
- Uwamubohoye ingoyi y'ubucakara.

ABAHABWA IMIGABANE IGENWE

Izungura riri amoko abiri (2):

- Abazungura imigabane igenwe.
- Abazungura imigabane itagenwe.

Dushingiye kuri ayo moko abiri, abazungura bari mu byiciro bine bikurikira:
1. Abazungura umugabane ugenwe gusa : abo ni barindwi:

- Nyina w'uwapfuye.
- Umuvandimwe w'uwapfuye bavukana kuri nyina.
- Mushiki w'uwapfuye bavukana kuri nyina.
- Nyirakuru ubyara nyina w'uwapfuye.
- Nyirakuru ubyara se w'uwapfuye.
- Umugabo w'uwapfuye.
- Umugore w'uwapfuye.

2. Abazungura umugabane utagenwe gusa, abo ni cumi na babiri:

- Umuhungu w'uwapfuye.
- Umwuzukuru ubyarwa n'umuhungu w'uwapfuye kumanura ku b'igitsina gabo.
- Umuvandimwe w'uwapfuye bahuje ababyeyi bombi.
- Umuvandimwe w'uwapfuye bahuje Se gusa.
- Umwana w'umuvandimwe w'uwapfuye bahuje ababyeyi bombi.
- Umwana w'umuvandimwe w'uwapfuye bahuje Se gusa ugakomeza ukamanuka.
- Se wabo w'uwapfuye uvukana na Se ku babyeyi bombi.
- Se wabo w'uwapfuye uvukana na Se kuri Se gusa.
- Umuhungu wa Se wabo uvukana na Se ku babyeyi bombi ugakomeza ukamanuka.
- Umuhungu wa Se wabo uvukana na Se kuri Se gusa ugakomeza ukamanuka.
- Uwamubohoye ku ngoyi y'ubucakara w'umugabo.

- Uwamubohoye ku ngoyi y'ubucakara w'umugore.

3. Abazungura umugabane ugenwe rimwe na rimwe,n'umugabane utagenwe rimwe na rimwe cyangwa bakabihuza byombi,abo ni babiri:

Ise na Sekuru b'uwapfuye.

Umwe muri bo azungura kimwe cya gatandatu (1/6) cy'ibyasizwe n'uwapfuye akagihabwa iyo ari kumwe n'abakomoka k'uwapfuye bazungura,ashobora no kuzungura umugabane utagenwe wonyine iyo atari kumwe n'abakomoka k'uwapfuye,ashobora no kuzungura umugabane ugenwe n'utagenwe icyarimwe iyo ari kumwe n'umukobwa w'uwapfuye hagasigara ibirenze kimwe cya gatandatu (1/6).

Urugero: Nk'umuntu upfuye asize umukobwa,Nyina na se, abantu nkaba bagabana mu buryo bukurikira: Umukobwa ahabwa kimwe cya kabiri (½) Nyina agahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) Ibisigaye bihabwa se nk'umugabane wagenwe ari wo kimwe cya gatandatu (1/6) n'utaragenwe aribyo bisigaye.

4. Abazungura umugabane wagenwe rimwe na rimwe n'utaragenwe rimwe na rimwe ariko ntibayihuze yombi. Abo ni abane (4):

- Umukobwa yaba umwe cyangwa benshi.
- Umukobwa w'umuhungu we,uw'umwuzukuru ,ugakomeza ukamanuka ku bakobwa bakomoka ku bahungu yaba umwe cyangwa benshi.
- Mushiki we bavukana ku babyeyi bombi yaba umwe cyangwa benshi.
- Mushiki we kuri se, yaba umwe cyangwa benshi.

Abo bazungura umugabane ugenwe iyo batari kumwe na basaza babo, bakazungura umugabane utagenwe iyo bari kumwe na basaza babo.

Abazungura imigabane igenwe ni abantu cumi n'umwe (11), ari bo:

- Umugabo w'uwapfuye
- umugore w'uwapfuye n'ubwo baba barenze umwe.
- Nyina w'uwapfuye
- Se w'uwapfuye

- Sekuru w'uwapfuye
- Nyirakuru w'uwapfuye n'iyo baba benshi
- Abakobwa b'uwapfuye
- Abakobwa b'umuhungu w'uwapfuye
- Bashiki b'uwapfuye bavukana ku babyeyi bombi.
- Bashiki b'uwapfuye kuri se
- Abavandimwe b'uwapfuye kuri nyina, baba abahungu cyangwa abakobwa.

Abo bose bazungura mu buryo bukurikira :

IZUNGURA RY'UMUGABO

Umugabo azungura umugore we kimwe cya kabiri(½) cy'umutungo iyo umugore we adasize abamukomokaho bamuzungura,ari bo: Abana be baba babakobwa cyangwa abahungu,n'abuzukuru bakomoka ku bahungu be. Naho abuzukuru bakomoka ku bakobwa be,abo ntibazungura

Umugabo azungura umugore we kimwe cya kane cy'umutungo (¼) iyo umugore we asize abashobora kumuzungura yaba yarabayaranye n'uwo mugabo bari kumwe cyangwa uwo yigeze gushaka mbere. Allah yaravuze ati:" Mufite kimwe cya kabiri (½) mu byasizwe n'abagore banyu igihe badasize abana, ariko igihe basize abana, muhabwa kimwe cya kane (¼) cy'ibyasizwe n'abagore nyuma yo gukuramo imirage baraze n'imyenda". Qor'an 4:12.

IZUNGURA RY'UMUGORE

Umugore yaba umwe cyangwa benshi azungura umugabo we kimwe cya kane (¼) igihe adasize abamukomokaho bashobora kumuzungura. Umugore yaba umwe cyangwa benshi azungura umugabo we kimwe cya munani (1/8) igihe asize abamukomokaho bazungura baba abo yabyaranye n'uwo mugore cyangwa undi mugore bigeze gushakana.

Allah yaravuze ati: "Abagore bafite kimwe cya kane (¼) cy'ibyo musize igihe mudafite abana, ariko igihe mufite abana, abagore banyu bazungura kimwe cya munani (1/8) cy'ibyo musize, nyuma yo gukuramo imirage mwaraze n'imyenda".Qor'an 4:12.

IZUNGURA RYA NYINA W'UWAPFUYE

Nyina w'uwapfuye azungura kimwe cya gatatu (1/3) iyo hujujwe ibintu bitatu(3) bikurikira:
• Kuba ntawe umukomokaho wamuzungura.
• Kuba nta bavandimwe cyangwa bashiki b'uwapfuye bahari.
• Kuba izungura ritari mu gice cyitwa "ALIGHARAWINI" mu yindi nyito cyitwa "UMARIYATAINI" ariryo zungura rihuje ababyeyi b'uwapfuye bombi bari kumwe n'umugore cyangwa umugabo w'uwapfuye. Nyina azungura kimwe cya gatandatu (1/6) igihe uwapfuye asize abamukomokaho bashobora kumuzungura cyangwa akaba asize abavandimwe cyangwa bashiki be. Nyina w'uzungura ahabwa kimwe cya gatatu (1/3) cy'ibisagutse nyuma yo gukuramo indi migabane mu izungura rya "ALIGHARAWINI" mu yindi nyito cyitwa "UMARIYATAINI" ariryo zungura rihuje ababyeyi b'uwapfuye bombi bari kumwe n'umugore cyangwa umugabo w'uwapfuye

Imigabane y'iryo zungura itangwa mu buryo bukurikira:

- Iyo uwapfuye asize ababyeyi be bombi hamwe n'umugore we: icyo gihe umugore ahabwa kimwe cya kane(¼), Nyina agahabwa kimwe cya gatatu (1/3)cy'ibisigaye, maze ibisagutse bigahabwa se.
- Iyo uwapfuye asize ababyeyi be bombi hamwe n'umugabo we: icyo gihe umugabo ahabwa kimwe cya kabiri(½), Nyina agahabwa kimwe cya gatatu (1/3)cy'ibisigaye, maze ibisagutse bigahabwa se. Muri iri zungura rivuzwe haruguru,nyina w'uwapfuye yahawe kimwe cya

gatatu cy'ibisigaye (1/3) kugira ngo atarenza igeno rya se kandi bombi bari mu rwego rumwe ku wapfuye, no kugirango igitsina gabo kigire igeno ryikubye kabiri iry'igitsina gore.

Allah yaravuze ati:

" N'ababyeyi b'uwapfuye bombi, buri wese ahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) cy'ibyo asize, iyo (uwapfuye) asize umwana, naho iyo adasize umwana akazungurwa n'ababyeyi be, nyina ahabwa kimwe cya gatatu (1/3), naho iyo uwapfuye asize abavandimwe, icyo gihe nyina ahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) cy'ibyasizwe n'uwapfuye nyuma yo gukuramo imirage yaraze n'imyenda yari afite". Qor'ani 4: 11

IZUNGURA RYA SE W'UWAPFUYE

- Ise azungura kimwe cya gatandatu(1/6) igihe uwapfuye yasize abamukomokaho b'igitsina bamuzungura nk'umuhungu we,cyangwa umwuzukuru we w'umuhungu kumanuka.
- Ise azungura umugabane utagenwe (ibisigaye) iyo uwapfuye adasize abamukomokaho bazungura.
- Ise azungura umugabane ugenwe n'utagenwe icyarimwe,igihe hari abamukomokaho b'igitsina gore bazungura, nk'umukobwa we cyangwa umwuzukuru w'umukobwa ukomoka ku muhungu we,icyo gihe azungura kimwe cya gatandatu (1/6)nk'umugabane ugenwe n'ibisigaye akabizungura nk'umugabane utagenwe.
- Iyo uwapfuye asize Se cyangwa Sekuru, icyo gihe abavandimwe bavukana n'uwapfuye ku babyeyi bombi cyangwa bahuje se cyangwa nyina gusa ntibashobora kumuzungura.

IZUNGURA RYA SEKURU

- Sekuru uzungura ni ubyara Se w'uwapfuye, naho Sekuru ubyara nyina ntabwo amuzungura,izungura rye ni nk'izungura rya Se w'uwapfuye usibye izungura rya "UMARIYATAINI" aririyo zungura rihuje ababyeyi b'uwapfuye bombi bari kumwe n'umugore cyangwa umugabo w'uwapfuye.kuko muri iryo zungura nyina iyo ari kumwe na sekuru w'uwapfuye, afata kimwe cya gatatu (1/3) cy'umutungo wose, naho igihe ari kumwe na Se afata kimwe cya gatatu (1/3) cy'ibisigaye nyuma y'igeno ry'uwo bashakanye.
- Sekuru w'uwapfuye azungura kimwe cya gatandatu (1/6) igihe uwapfuye asize abamukomokaho bazungura kandi adafite Se.
- Sekuru w'uwapfuye azungura umugabane utagenwe iyo uwapfuye adasize abamukomokaho bamuzungura kandi adafite Se.
- Sekuru azungura umugabane ugenwe n'utagenwe icyarimwe, igihe uwapfuye asize abamukomokaho b'igitsina gore bamuzungura nk'umukobwa we cyangwa umukobwa w'umuhungu we.

IZUNGURA RYA NYIRAKURU

Nyirakuru uzungura ni ubyara Nyina w'uwapfuye n'ubyara Se w'uwapfuye, na nyirakuruza kuzamura.

• Ntazungura rya nyirakuru igihe hari nyina w'uwapfuye nk'uko ntazungura rya sekuru ribaho iyo hariho se w'uwapfuye. Umugabane wa nyirakuru na ba nyirakuruza ni kimwe cya gatandatu (1/6) igihe nyina w'uwapfuye atakiriho.

IZUNGURA RY'ABAKOBWA B'UWAPFUYE.

- Umukobwa yaba umwe cyangwa benshi bazungura umugabane utagenwe igihe bari kumwe na basaza babo,igeno ry'umuhungu ringana n'iry'abakobwa inshuro ebyiri.
- Umukobwa azungura kimwe cya kabiri (½) igihe nta musaza we uhari atanafite undi w'igitsina gore bava inda imwe.
- Abakobwa babiri cyangwa barenze bazungura bibiri bya gatatu (2/3) igihe ari babiri cyangwa barenze kandi badafite musaza wabo.

Allah yaravuze ati :

" Allah arabategeka ku birebana n'izungura ry'abana banyu ko igeno ry'umwana w'umuhungu ringana n'iry'umukobwa inshuro ebyiri,igihe ari abakobwa gusa kandi barenze babiri,bahabwa bibiri bya gatatu (2/3

)by'umutungo wasizwe, naho iyo ari umukobwa umwe wenyine ahabwa kimwe cya kabiri (½))" Qor'ani 4 : 11

IZUNGURA RY'ABAKOBWA B'UMUHUNGU W'UWAPFUYE (ABUZUKURU)

• Umukobwa w'umuhungu w'uwapfuye yaba umwe cyangwa benshi bazungura umugabane utagenwe iyo bari kumwe na musaza wabo.
• Umukobwa w'umuhungu w'uwapfuye azungura kimwe cya kabiri (½) iyo hujuje ibi bikurikira:
- Kuba ari wenyine,kuba ntamusaza we uriho, kuba uwapfuye nta mwana asize yaba umuhungu cyangwa umukobwa.
• Abakobwa b'umuhungu w'uwapfuye babiri cyangwa barenze bazungura bibiri bya gatatu (2/3) iyo hujujwe ibi bikurikira:

- Kuba ari babiri cyangwa barenze.
- Kuba nta musaza wabo bafite.
- Kuba uwapfuye atasize umwana yaba umuhungu cyangwa umukobwa.

• Umukobwa w'umuhungu w'uwapfuye yaba umwe cyangwa benshi bazungura kimwe cya gatandatu (1/6) iyo hujujwe ibi bikurikira:

- Kuba nta musaza wabo uriho.
- Kuba uwapfuye nta mwana asize uretse umukobwa w'uwapfuye uzungura kimwe cya kabiri (½) kuko ntazungura kimwe cya gatandatu (1/6) keretse ari kumwe nawe (umukobwa w'uwapfuye), kimwe n'umukobwa w'umwuzukuruza ntahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) keretse ari kumwe n'umukobwa w'umwuzukuru.

IZUNGURA RYA BASHIKI B'UWAPFUYE BAVUKANA KU BABYEYI BOMBI

• Mushiki we ku babyeyi bombi azungura kimwe cya kabiri(½) igihe hujujwe ibi bikurikira:

- Kuba ntawundi mukobwa bava inda imwe uhari.
- Kuba nta musaza we uhari.
- Kuba uwapfuye adasize Se cyangwa Sekuru.
- Kuba uwapfuye ntawe umukomokaho umuzungura asize.

• Bashiki b'uwapfuye benshi bazungura bibiri bya gatatu (2/3) igihe hujujwe ibi bikurikira:

- Kuba abo bashike be ari babiri cyangwa barenze.
- Kuba uwapfuye ntawe umukomokaho mu bamuzungura asize.
- Kuba uwapfuye adasize Se cyangwa ba Sekuru.
- Kuba abo bashiki be badafite musaza wabo.

• Mushiki w'uwapfuye bavukana ku babyeyi bombi yaba umwe cyangwa benshi bazungura umugabane utegenwe iyo bari kumwe na musaza wabo, cyangwa bari kumwe n'umukobwa w'uwapfuye wa muzungura. Allah yaravuze ati:

"Barakubaza ku byerekeye uwapfuye nta mwana nta n'umubyeyi asize, iyo umuntu apfuye adasize umwana ariko afite mushiki we,icyo gihe mushiki we ahabwa kimwe cya kabiri (½) cy'ibyo asize,naho iyo mushiki we ariwe upfuye nta mwana asize, musaza we azungura umutungo we, iyo asize bashiki be babiri bahabwa bibiri bya gatatu (2/3) asize…". Qor'ani 4:176

IZUNGURA RYA BASHIKI B'UWAPFUYE BAHUJE SE.

• Mushiki w'uwapfuye bahuje Se azungura kimwe cya kabiri (½) iyo hujujwe ibi bikurikira:

- Kuba ntawe bavukana w'igitsina gore.
- Kuba nta musaza we uhari.
- Kuba uwapfuye adasize Se cyangwa ba Sekuru.
- Kuba uwapfuye adasize abamukomokaho bamuzungura.

• Bashiki b'uwapfuye bahuje Se bahabwa bibiri bya gatatu (2/3) iyo hujujwe ibi bikurikira:

- Kuba ari babiri cyangwa barenze.
- Kuba nta musaza wabo bafite.
- Kuba uwapfuye nta Se cyangwa ba Sekuru asize.
- Kuba uwapfuye nta bamukomokaho bamuzungura asize.
- Kuba uwapfuye nta bavandimwe bavukana ku babyeyi bombi asize.

• Mushiki w'uwapfuye yaba umwe cyangwa benshi bahuje Se ahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) iyo hujujwe ibi bikurikira:

- Kuba uwapfuye yasize mushiki we umwe bahuje ababyeyi bombi wahabwa umugabane wagenwe.
- Kuba mushiki w'uwapfuye adafite musaza we (uwo nawe yaba ari murumuna w'uwapfuye bahuje Se).
- Kuba uwapfuye adasize Se cyangwa ba Sekuru.
- Kuba uwapfuye adasize abamukomokaho bamuzungura.
- Kuba uwapfuye adasize umuvandimwe yaba umwe cyangwa benshi bahuje ababyeyi bombi.

• Mushiki w'uwapfuye yaba umwe cyangwa benshi bahuje se ahabwa umugabane utagenwe iyo ari kumwe na musaza we cyangwa ari kumwe n'uw'igitsina gore ukomoka kuwapfuye .

IZUNGURA RY'ABAVANDIMWE B'UWAPFUYE BAHUJE NYINA

Abavandimwe b'uwapfuye bahuje nyina,abakobwa n'abahungu bose bahabwa ibingana nta kurutanwa gushingiye ku gitsina. Umuvandimwee w'uwapfuye bahuje Nyina yaba igitsina gabo cyangwa igitsina gore,bahabwa kimwe cya gatandatu(1/6) iyo hujujwe ibi bikurikira:

- Kuba uwapfuye adasize abamukomokaho bamuzungura.
- Kuba uwapfuye adasize Se cyangwa ba Sekuru
- Kuba uwo muvandimwe we ari we wenyine usigaye.
- Abavandimwe b'uwapfuye bahuje Nyina baba abahungu cyangwa abakobwa bazungura kimwe cya gatatu (1/3) iyo huhjujwe ibi bikurikira:
- Kuba ari babiri cyangwa barenze
- Kuwa uwapfuye adasize umukomokaho wamuzungura.
- Kuba uwapfuye adasize Se cyangwa ba sekuru.

Allah yaravuze ati " Iyo umugabo azungurwa adasize ababyeyi cyangwa abamukomokaho bamuzungura nta n'umugore asize ariko asize umuvandimwe yaba we umukobwa cyangwa umuhungu,icyo gihe ahabwa kimwe cya gatandatu,naho iyo ari barenze umwe bagabana kimwe cya gatatu (1/3),ibyo bikaba nyuma yo kuvanamo imirage yasize araze no kwishyura imyenda" .Qor'an 4:12

UBURYO BWIMIGABANE IGENWE

Imigabane igenwe hakurikijwe imiterere yayo igabanyijwemo ibice bitatu:
• Aho imigabane iba ingana hashingiwe ku mirwi ikigize.
Urugero: Umugore gupfa asize umugabo n'uwo bava inda imwe w'igitsina gore. Icyo gihe umugabo ahabwa kimwe cya kabiri (½) cy'umutungo umugore yasize, n'uwo muvandimwe we agahabwa kimwe cya kabiri (½) cy'umutungo. Icyita rusange 2 Umugabo ½ 1 Umuvandiwe (gore) ½ 1

• Aho imigabane iba mike hashingiwe ku mirwi ikigize.
Iyo imigabane itangana n'imirwi icyo gihe abagomba gufata imigabane igenwe bahabwa ibisigaye uretse umugabo n'umugore kuko bo badahabwa ibisigaye,iyo imigabane yagenwe itarangiranye umutungo wasizwe n'uwapfuye kandi mu bazungura be ntawemerewe kuzungura imigabane

itagenwe ibisigaye icyo gihe bishobora gufatwa n'abazungura imigabane igenwe.

Urugero:
Uwapfuye agasiga umugore n'umwana w'umukobwa,umugore ahabwa kimwe cya munani (1\8),umukobwa agahabwa ibisigaye birimo umugabane ugenwe ungana na kimwe cya kabiri (1/2) n'umugabane utagenwe ku bisigaye byose. Icyita rusange 8 Umugore 1/8 1 1 Umukobwa ½ 4 7 Ibisigaye 3

• Aho imigabane iba myinshi kuruta imirwi ikigize.
Igice imigabane ikigize iba irenze imirwi yacyo.
Urugero:umugore upfuye asize umugabo we n'abo bavukana b'abakobwa babiri batavukana kuri nyina,icyo gihe umugabo ahabwa kimwe cya kabiri (½),ibisigaye ntibiba bingana n'umugabane wa bo bavandimwe be kuko bagombaga guhabwa bibiri bya gatatu(2/3).

Ubusanzwe icyita rusange cyagombaga kuba gatandatu,ariko hano kirarenga kibe karindwi, kuko umugabo ahabwa kimwe cya kabiri (½) kingana na gatatu, abo bavandimwe be bahabwe bibiri bya gatatu (2/3) bingana na kane.

Uko bikorwa:
Icyita rusange 6 Umugabane 7 Umugabo 1/2 3 3 Abavandimwe b'umugore 2/3 4 4

I. ABAZUNGURA IMIGABANE ITAGENWA

Abazungura imigabane itagenwe bari mu byicyiro bibiri:

1. Icyiciro gishingiye ku isano
2. Icyiciro gishingiye ku mpamvu

Icyiciro gishingiye ku isano kirimo ibice bitatu:
1-Icyiciro gishingiye ku bwabo kubera isano bafitanye n'wapfuye, abo ni buri wese w'igitsina gabo uzungura uretse umugabo w'uwapfuye,umuvandimwe we bahuje nyina gusa n'uwamuvanye mu bucakara. Abo ni aba bakurikira:

- Umwana n'uwapfuye n'umwuzukuru ukomoka ku muhungu we ugakomeza ukamanuraka.
- Se w'uwapfuye na ba sekuru.
- Umuvandimwe we bahuje ababyeyi bomb.
- Umuvandimwe we bahuje Se
- Umwana w'umuvandimwe we bahuje ababyeyi bombi ugakomeza ukamanuka.
- Umwana w'umuvandimwe bahuje Se ugakomeza ukamanuka.
- Se wabo uvukana na Se ku babyeyi bombi.
- Se wabo uvukana na Se kuri Se gusa.
- Umwana wa Se wabo uvukana na Se ku bayeyi bombi.
- Umwana wa Se wabo bavukana na Se kuri Se gusa ugakomeza ukamanuka.

Iyo umwe muri aba ari we usigaye wenyine ahabwa umutungo wose w'uwapfuye,ariko iyo ari kumwe n'abazungura imigabane igenwe ahabwa ibisigaye nyuma yo gukuramo imigabane yabo, naho iyo imigabane igenwe imaze umutungo ntacyo abona kuko igeno rye ari ibisigaye. Abazungura umugabane utagenwe barutanwa hakurikijwe isano bafitanye n'uwapfuye. Abo bakurikirana mu buryo butanu bukurikira:

- Abahungu b'uwapfuye.
- Se na basekuru b'uwapfuye.
- Abavandimwe b'wapfuye n'abahungu babo.
- Ba se wabo b'uwapfuye n'abahungu babo.
- Ababohowe ku ngoyi z'ubucakara.

Iyo abazungura ibitagenwe ari babiri cyangwa barenze bahuriye ku izungura, bagira uburyo bukurukira:
Uburyo bwa mbere: kuba bangana ku ruhande bakomokaho ,urwego n'uburemere,ibyo byose bakaba babinganya, nk'abahungu be babiri cyangwa abavandimwe be babiri, cyangwa ba Se wabo babiri,icyo gihe bagabana umutungo mu buryo bungana.

Uburyo bwa kabiri: kuba bangana ku ruhande bakomokaho n'urwego ariko basumbana uburemere,nko kuba uwapfuye yasize Se wabo uvukana na Se ku bayeyi bombi ari kumwe na Se wabo uvukana na Se kuri se gusa,icyo gihe hazungura uwahafi gusa ari we Se wabo uvukana na Se ku babyeyi bombi.

Uburyo bwa gatatu: kuba banganya uruhande bakomokamo bagatandukana ku rwego,nko kuba uwapfuye yasize umuhungu n'umwuzukuru ukomoka ku mwana we w'umuhungu,icyo gihe hazungura ufite isano rya hafi ku wapfuye ari we muhungu we. Uburyo bwa kane: Kuba banyuranye ku ruhande bakomokaho ku wapfuye,icyo gihe hazungura uwegereye uwapfuye ku ruhande niyo yaba ari kure mu rwego,nko kuba uwapfuye asize Se n'umwuzukuru,icyo gihe umwuzukuru niwe uhabwa ibisigaye.

2. Abazungura umugabane utagenwe kubera ko bari kumwe na basaza babo. Abo ni bane bakurikira:

- Umukobwa w'uwapfuye yaba umwe cyangwa benshi iyo bari kumwe na musaza wabo umwe cyangwa benshi.
- Umwuzukuru w'igitsina gore ukomoka ku muhungu w'uwapfuye yaba umwe cyangwa benshi iyo ari kumwe na musaza we umwe cyangwa benshi.
- Mushiki w'uwapfuye bavukana ku babyeyi bombi yaba umwe cyangwa benshi iyo bari kumwe na musaza wabo umwe cyangwa benshi.

Abo bose iyo bari kumwe na basaza babo bazungura umugabane utagenwe umukobwa agahabwa kimwe cya kabiri (1/2) cya musaza we nyuma yo guha banyir'imigabane igenwe,iyo imigabane igenwe irangije umutungo wose ntacyo babona.

3. Ni ab'igitsina gore bazungura umugabane utagenwe iyo bari kumwe n'abandi b'igitsina gore
Abo ni ibyiciro bibiri bikurikira:

- Mushiki w'uwapfuye bavukana ku babyeyi bombi yaba umwe cyangwa benshi iyo bari kumwe n'umukobwa w'uwapfuye cyangwa umukobwa w'umuhungu we yaba umwe cyangwa benshi cyangwa bombi icyarimwe.
- Mushiki w'uwapfuye bavukana kuri Se gusa yaba umwe cyangwa benshi iyo bari kumwe n'umukobwa w'uwapfuye cyangwa umukobwa w'umuhungu we yaba umwe cyangwa benshi cyangwa bombi icyarimwe, buri gihe iyo bashiki b'uwapfuye bari kumwe n'abakobwa be cyangwa abakobwa b'umuhungu we bazungura imigabane itagenwe bagahabwa ibisigaye nyuma yo gutanga imigabane igenwe, iyo imigabane irangije umutungo ntacyo bahabwa.

II. ABAZUNGURA UMUGABANE UTAGENWE BITEWE N'IMPAMVU

Ni ababohoye uwapfuye bakamukiza ingoyi y'ubucakara baba abagabo cyangwa abagore. Allah yaravuze ati:

Iyo abavandimwe bazungura ari abahungu n'abakobwa,abahungu bahabwa igeno rikubye kabiri iry'abakobwa,ibi Allah abibasobanuriye kugira ngo nutayoba kandi Allah niwe mumenyi w'ibintu byose". Qor'an 4:176

Mwene Abasi(Allah abishimire bombi) yaravuze ati:"Intumwa Muhamadi (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Muhe imigabane igenwe beneyo,ibisigaye nyuma y'imigabane igenwe mubihe abahafi b'igitsina gabo". Iyi mvugo iboneka mu gitabo cya Bukhari na Muslimu.